# 285: Kiz' abarimbuka

1.

Kiz' abarimbuka; renger' abapfa; Bakiz' ibyaha n'urupfu rubi! Shak' abazimiye; byuts' abaguye;
Menyesha bose ko Yes' akiza.

Ref:

Kiz' abarimbuka, renger' abapfa, Bageze kwa Yesu, ngw’ abakize !

2.

Abamushungera, na bo ntabanga;Ategerej' abihana neza. Bahate bihane, bizere Yesu.
Ujy'ubasabira ngo bakizwe.

3.

Toz' abazimiye, be kuzuyaza, Barek' irari ridakwiriye : Non' ubakangure,
bisubiremo, Bagarukir' Uwabacunguye.

4.

Kiz' abarimbuka : yaragutumye,Kand' akubashish' uwo murimo. Bos' ubayobore
mu nzira ntoya! menyesh' indushyi ko zaruhuwe !

Visit us at indirimbo.com